REPUBLIC OF RWANDA

MINISITERI Y'UBUHINZI N'UBWOROZI

MINISTRY OF AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES

OFFICE OF THE MINISTER

# AMABWIRIZA YA MINISITIRI N° 001/2018 AGENGA IMITANGIRE N'IMICUNGIRE Y'INKA ZITANGWA MURI GAHUNDA YA GIRINKA

**Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi,**

Amaze kubona Itegeko Ngenga № 01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho Igitabo cy'Amategeko ahana, cyane cyane ingingo zaryo, iya 300, iya 436 n'iya 627;

Amaze kubona Itegeko nº13/2009 ryo kuwa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda, cyane cyane ingingo zaryo, iya 28 n'iya 32;

Ashingiye ku Itegeko N°38/2010 ryo kuwa 25/11/2010 rishyiraho Ikigo Gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo;

Amaze kubona Itegeko nº86/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rishyiraho Sitati Rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane ingingo zaryo, iya 71, iya 72, iya 76, iya 77, iya 78, iya 79, iya 80 n'iya 81;

Amaze kubona Iteka rya Perezida nº65/01 ryo kuwa 04/03/2014 rigena uburyo bwo gutanga ibihano ku bakozi ba leta bakoze amakosa mu kazi, cyane cyane ingingo zaryo, iya 3 agace kayo ka 1º, iya 4, iya 5, iya 7, iya 8 n'iya 9;

Amaze kubona Amabwiriza ya Minisitiri w'Ubutabera nº002/M.J/AG/15 yo kuwa 01/10/2015 agena uburyo bwo gukurikirana abakozi ba Leta bayiteza igihembo mu ngingo zayo, iya 4, iya 5, iya 6, iya 7, iya 8, iya 9 n'iya 10;

Asubiye ku mabwiriza ya Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi Nº 002/2011 yo ku wa 01/09/2011, arebana no kugura Inka zitangwa muri Gahunda ya GIRINKA;

Asubiye ku mabwiriza ya Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi Nº 0001/2016 yo kuwa 25/02/2016 agenga imitangire n' imicungire y' inka zitangwa muri Gahunda ya Girinka;

Asubiye ku mabwiriza ya Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi Nº 001/2012, yo ku wa 24/08/ 2012, arebana no kwegereza Ubuyobozi bw'inzego z'ibanze gahunda ya GIRINKA;



Scanned by CamScanner

Asubiye ku mabwiriza y'Umuyobozi Mukuru wa RARDA Nº 1454/ RARDA/2010 yo ku wa 04/01/2010, arebana no kwitura muri Gahunda ya GIRINKA;

Ashingiye ku cyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 12/04/2006 yemeje gahunda ya GIRINKA Munyarwanda;

Ashingiye ku bubasha ahabwa n'Amategeko,

**Atanze amabwiriza akurikira:**

## UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

### Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije

Aya mabwiriza agenga imitangire n'imicungire y'inka zitangwa muri Gahunda ya Girinka.

### Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri aya mabwiriza aya magambo akurikira asobanurwa ku buryo bukurikira:

1) **Girinka**: Gahunda ya Leta igamije koroza inka imiryango y'abanyarwanda ikennye, ishyirwa mu bikorwa n'Urwego rwa Leta rubifitiye ububasha;
2) **Gutombora:** Umuhango wo kugaragaza uburyo imiryango iri k'urutonde izakurikirana mu kworozwa.Bivuze kandi guhitamo inka yorozwa umuryango hashingiwe ku maherena y'inka zigiye gutangwa;
3) **Ikiraro**: Inyubako isakaye ishobora kurinda inka izuba n'imvura hubahirijwe ibipimo (2mx2,5m ku inka imwe)
4) **Imvange:** Ikimanyi hagati y'ubwoko bw'inka burenze bumwe;
5) **Kwitura**: Igikorwa uworojwe inka akora yoroza undi muryango ukennye;
6) **Minisitiri**: Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi;
7) **Ubusembwa**: Ibura cyangwa iyangirika rya rumwe mu ngingo zigize umubiri w'inka, yaba yarabuvukanye cyangwa yarabugize nyuma yo kuvuka;
8) **Umuryango:** Urugo rworojwe cyangwa ruzorozwa
9) **Umuryango worozwa:** Umuryango udafite ubushobozi bwo kwibonera inka ubarizwa mu cyiciro cy'ubudehe cya mbere cyangwa icya kabiri (2), kandi ufite ubushake n'ubushobozi bwo kuzuza ibisabwa n'aya mabwiriza;
10) **Urwego rubifitiye ububasha:** Ikigo Gishinzwe iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB) cyangwa Akarere;
11) **Urwego rutanga isoko:** Urwego cyangwa uwo ari we wese uvugwa mu ngingo ya gatatu, y'ay'amabwiriza, ugura inka yo koroza umuryango ukennye muri Gahunda ya Girinka Munyarwanda;



Scanned by CamScanner

12) Zone: Ishami rya RAB rishinzwe ubuhinzi n'ubworozi ku rwego rw'Intara.

**Ingingo ya 3: Abarebwa n'aya mabwiriza**

Aya mabwiriza areba uhawe inka n'uyitanze yaba Inzego za Leta n'ibigo bya leta, Imiryango nyarwanda cyangwa mvamahanga itari iya leta, Imishinga, Abanyamadini, Abikorera n'undi wese wifuza gutanga inka muri gahunda ya Girinka Munyarwanda.

Aya mabwiriza areba kandi umuyobozi, umukozi wa leta, ugize komite ya Girinka n'ugura inka yo muri gahunda ya Girinka Munyarwanda.

## UMUTWE WA KABIRI: IMIKORERE YA GAHUNDA YA GIRINKA MUNYARWANDA

### Icyiciro cya mbere: Umuryango worozwa n'amatsinda atoranya inka

**Ingingo ya 4: Umuryango worozwa**

Gahunda ya Girinka Munyarwanda igamije koroza imiryango ikennye kandi yujuje ibi bikurikira:

1) Kuba umuryango udafite indi nka n'imwe woroye yaba iyawo cyangwa iyo uragiye;
2) Kuba umuryango ufite ubwatsi cyangwa ushobora kububona;
3) Kuba umuryango warubatse ikiraro;
4) Kuba uyihawe ari inyangamugayo.

Ibimaze kuvugwa muri iyi ngingo, byubahirizwa kandi no mu gihe imiryango igiye korozwa yaba yishyize hamwe mu rwego rw'igikumba rusange.

**Ingingo ya 5: Guhitamo uhabwa inka**

Gutoranya abajya ku rutonde rwa Girinka biyoborwa na komite ya Girinka kuri buri rwego, kuva ku rwego rw'umudugudu kugeza ku rwego rw'akarere.

**Ingingo ya 6: Komite ya Girinka ku rwego rw'umudugudu**

Haseguriwe ibikubiye mu ngingo ibanziriza iyi, igikorwa cyo gutoranya abajya k'urutonde rwa Girinka gikorwa n'Inteko Rusange y'Abaturage bagize Umudugudu, iyoborwa na Komite ya Girinka kuri urwo rwego, ikabikorera inyandikomvugo.

Komite ya Girinka ku rwego rw'umudugudu igizwe na:

1) Umukuru w'umudugudu, ari na we uyoboye komite;
2) Ushinzwe imibereho myiza y'abaturage, ari na we mwanditsi wa komite;
3) Uhagarariye abagore;
4) Uhagarariye urubyiruko;
5) Uhagarariye abafite ubumuga;
6) Ushinzwe umutekano.



Scanned by CamScanner

**Ingingo ya 7: Komite ya Girinka ku rwego rw'akagari**

Urutonde rwa Girinka ku rwego rw'umudugudu, rushyikirizwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari, rugasuzumwa na komite ya Girinka ku rwego rw'Akagari. Iyo Komite ishobora kurwemeza uko rwakabaye ibonye rwarakozwe hakurikijwe ibiteganywa n'aya mabwiriza.

Komite ya Girinka nu rwego rw'akagari igizwe n'aba bakurikira:

1) Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari, ari na we uyobora komite;
2) Ushinzwe iterambere n'imibereho myiza y'abaturage mu kagari, ari na we mwanditsi wa komite;
3) Uhagarariye abagore;
4) Uhagarariye urubyiruko;
5) Ushinzwe umutekano.

**Ingingo ya 8: Komite ya Girinka ku rwego rw'umurenge**

Urutonde rwa Girinka rwemejwe ku rwego rw'Akagari rushyikirizwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'umurenge rugasuzumwa na komite ya Girinka ku rwego rw'umurenge. Iyo Komite ishobora kurwemeza uko rwakabaye ibonye rwarakozwe hakurikijwe ibiteganywa n'aya mabwiriza.

Komite ya Girinka ku rwego rw'umurenge igizwe n'aba bakurikira:

1) Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'umurenge, ari na we uyobora komite;
2) Umukozi ushinzwe imibereho myiza y'abaturage mu murenge, ari na we mwanditsi wa komite;
3) Ushinzwe ubworozi ku rwego rw'Umurenge;
4) Uhagarariye Abagore ku rwego rw'Umurenge;
5) Uhagarariye Urubyiruko ku rwego rw'Umurenge;
6) Uhagarariye Abafite ubumuga ku rwego rw'Umurenge.
7) Uhagarariye urwego rw'umutekano.

**Ingingo ya 9: Komite ya Girinka ku rwego rw'akarere**

Urutonde rwa Girinka rwemejwe ku rwego rw'umurenge, rushyikirizwa Umuyobozi w'akarere, rugasuzumwa na komite ya Girinka ku rwego rw'akarere. Iyo Komite ishobora kurwemeza uko rwakabaye ibonye rwarakozwe hakurikijwe ibiteganywa n'aya mabwiriza.

Komite ya Girinka ku rwego rw'akarere igizwe n'aba bakurikira:

1) Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage ari na we ukuriye komite;
2) Umuyobozi w'ishami ry'iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage, ari na we mwanditsi wa komite;
3) Umukozi ufite ubworozi mu nshingano ze mu Karere;
4) Umukozi wa RAB ushinzwe Gahunda ya Girinka muri Zone;



Scanned by CamScanner

5) Uhagarariye Ingabo mu karere;
6) Uhagarariye Police mu karere.

Urutonde rwemejwe ku rwego rw'akarere, rushyikirizwa ubuyobozi bukuru bw'Ikigo Gishinzwe iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda, buri mwaka w'ingengo y'imali mbere y'uko igikorwa cyo gutanga inka gitangira muri uwo mwaka.

**Ingingo 10: Gutangaza abashyizwe ku rutonde rwa Girinka**

Komite ya Girinka kuri buri rwego ikora urutonde rw'abemejwe rukamanikwa ahantu hahurira abantu benshi bitarenze iminsi itatu (3) rumaze kwemezwa.

**Ingingo 11: Kujuririra urutonde**

Umuntu wese ujuririra urutonde rwa Girinka abikora mu nyandiko mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) urutonde rukimara gutangazwa. Ubujurire bushyikirizwa komite ya Girinka ku rwego rwisumbuye igomba gusubiza uwajuriye mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) ibarwa uhereye igihe ubujurire bwakiriwe.

Urutonde rwa Girinka rwemejwe na komite ya Girinka ku rwego rw'akarere ni ndakuka kandi ntirushobora kujuririrwa.

**Ingingo 12: Gutombora**

Imiryango yose iri ku rutonde ndakuka rwa Girinka inganya amahirwe yo korozwa inka. Kugena uko imiryango izakurikirana mu korozwa bikorwa mu buryo bwa tombora hakurikijwe urutonde rwa buri mudugudu. Komite ya Girinka ku rwego rw'umurenge iyobora ikanagena aho tombora izabera.

Urutonde rw'uko imiryango izorozwa ikurikirana rugomba guhita rutangazwa tombora ikirangira, bigakorerwa inyandikomvugo.

**Ingingo ya 13: Gushyigikira Gahunda ya Girinka Munyarwanda**

Uwifuza koroza umuryango ukennye wese muri gahunda ya Girinka Munyarwanda yandikira Ubuyobozi Bukuru bwa RAB cyangwa Ubuyobozi bw'Akarere agaragaza ko yifuza gushyigikira Gahunda ya Girinka Munyarwanda, kugira ngo urwo Rwego rwa Leta rufite iyo Gahunda mu nshingano rugire uruhare muri icyo gikorwa, rushingiye ku bikubiye muri aya mabwiriza.



Scanned by CamScanner

**Icyiciro cya 2: Gutoranya inka muri Gahunda ya Girinka**

**Ingingo ya 14: Inka**

Inka yorozwa irangwa n'ibi bikurikira mu rwego rwa tekiniki:

1) Kuba ari ishashi;
2) Kuba ari inka y'inzungu yuzuye cyangwa ifite amaraso y'imvange yo mu bwoko bwa Jerise, Firizone, cyangwa Burawuni suwisi ari ku kigero cy'amaraso kuva kuri 50% usubira hejuru;
3) Kuba ifite amezi abarirwa hagati ya 18 na 30 y'amavuko;
4) Kuba ifite igikuriro cyiza, ipima ibiro bitari munsi ya 220 ku mvange ya Jerise, 250 ku mvange ya Firizone na 250 ku mvange ya Burawuni suwisi;
5) Kuba ihaka kuva ku mezi ane (4) kuzamura;
6) Kuba nta busembwa igaragaza;
7) Kuba yambaye iherena riyiranga ryatanzwe cyangwa ryemewe na RAB;
8) Kuba nta bimenyetso by'uburwayi igaragaza;
9) Kuba yarasuzumwe indwara y'amakore n'izindi ndwara igihe byaba bisabwe n'Urwego rubifitiye ububasha;

**Ingingo ya 15: Igurwa ry'inka**

Inka igurwa imbere mu Gihugu. Icyakora iyo inka itabonetse mu Gihugu, ishobora kugurwa hanze y'Igihugu bitangiwe uburenganzira n'urwego rubishinzwe.

**Ingingo ya 16: Gutoranya inka zitangwa na RAB**

Inka zorozwa na RAB zitoranywa n'itsinda rigizwe n'aba bakurikira:

1) Umukozi wa RAB ushinzwe Gahunda ya Girinka muri Zone inka zizatangwamo;
2) Umukozi wa RAB ufite ubumenyi bwo gusuzuma ko inka ihaka;
3) Umukozi wa RAB ushinzwe gusuzuma indwara z'amatungo;
4) Umukozi ufite ubworozi mu nshingano ze mu Karere inka zizatangwamo.

**Ingingo ya 17: Gutoranya inka zitangwa n'Akarere**

Inka zorozwa n'Akarere zitoranwa n'itsinda rigizwe n'aba bakurikira:

1) Umukozi ufite ubworozi mu nshingano ze mu Karere inka zizatangwamo;
2) Umukozi wa RAB ushinzwe Gahunda ya Girinka muri Zone inka zizatangwamo;
3) Umukozi Akarere kahitamo ufite ubumenyi bwo gusuzuma ko inka ihaka;
4) Umukozi wa RAB ushinzwe gusuzuma indwara z'amatungo.

Ibivugwa mu ngingo ya 14, iya 15, iya 16 n'iya 17 byubahirizwa no mu gihe inka zaguzwe n'umufatanyabikorwa ugomba kuba ahagarariwe mu itsinda ritoranya.



Scanned by CamScanner

**Ingingo ya 18: Ubwishingizi bw'inka zitangwa**

Buri inka yose itangwa muri gahunda ya Girinka igomba kuba ifite ubwishingizi (Assurance/Insurance) nibura mu igihe kingana n'umwaka. Ibi bireba buri mufatanyabikorwa wese wifuza gushyigikira gahunda ya Girinka. Iyi ngingo ntabwo ireba inka zitangwa muri gahunda yo kwitura.

**Icyiciro cya 3: Kwakira inka no koroza**

**Ingingo ya 19: Kwakira inka**

Kwakira inka ni igikorwa gikorerwa ahumvikanwe mu masezerano kigakorwa n'Urwego rwatanze isoko. Inka zakirwa habanje gusuzumwa ko izatoranyijwe ari zo zagemuwe.

**Ingingo ya 20: Itsinda ryakira inka**

Kwakira inka bikorwa n'itsinda rikurikira:

1) Umukozi wahawe inshingano zo guhagararira Urwego rwatanze isoko mu masezerano;
2) Umukozi wa RAB ushinzwe Gahunda ya Girinka muri Zone inka zigiye gutangwamo;
3) Umukozi wa RAB cyangwa w'Akarere ufite ubumenyi bwo gusuzuma ko inka ihaka;
4) Umukozi ufite ubworozi mu nshingano ze mu Karere inka zigiye gutangwamo.

**Ingingo ya 21: Inyandikomvugo y'iyakira**

Igikorwa cyo kwakira inka zagemuwe gikorerwa inyandikomvugo n'itsinda ryazakiriye. Iyo nyandikomvugo igaragaza ko inka zagemuwe zujuje ibikubiye mu masezerano impande zombi zagiranye. Igikorwa cyo kwakira inka zagemuwe gikorwa mbere y'umuhango wo koroza abagenerwabikorwa.

**Ingingo ya 22: Koroza**

Umuhango wo koroza ukorwa ku mugaragaro ahagenwe n'uworoza, ukayoborwa n'itsinda rigizwe na:

1) Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'umurenge inka zitangwamo;
2) Umukozi wa RAB ushinzwe Gahunda ya Girinka muri Zone inka zitangwamo cyangwa undi mukozi wabiherewe ububasha;
3) Umukozi ufite ubworozi mu nshingano ze mu Karere inka zitangwamo;
4) Umukozi ufite ubworozi mu nshingano ze ku rwego rw'Umurenge inka zitangwamo.

**Ingingo ya 23: Gukurikirana inka yorojwe**

Uworoje agomba gukurikirana ko inka zorojwe muri Gahunda ya Girinka Munyarwanda ari nzima mu minsi 14. Iramutse ipfuye yishwe n'indwara muri icyo gihe cy'iminsi 14, Rwiyemezamirimo agomba guhita ayisimbura.



Scanned by CamScanner

**Ingingo 24: Uburyo bukoreshwa mu koroza imiryango**

Koroza imiryango yatoranyijwe bikorwa mu ruhame hakoreshejwe uburyo bwa tombora ku borozwa. Utombora inka agomba kuba agaragara ku rutonde rwemejwe burundu ku Rwego rw'Akarere kandi waciye muri tombola yakorewe ku mudugudu.

Uhagarariye umuryango worojwe ashyira umukono ku nyandiko yabigenewe yemeza ko yakiriye inka no ku nyandiko y'amasezerano agirana n'urwego rwamworoje.

UMUTWE WA 3: INSHINGANO Z'ABAREBWA N'AYA MABWIRIZA

**Icyiciro cya mbere: Inshingano z'umuryango worojwe**

**Ingingo ya 25: Inshingano yo kwitura**

Umuryango worojwe inka ugomba kwitura uwaworoje.

**Ingingo ya 26: Inka yiturwa**

Inka yiturwa igomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1) Kuba ari inyana;
2) Kuba ifite nibura amezi atandatu (6) y'amavuko;
3) Kuba yarafashwe neza hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ibanziriza iyi;
4) Kuba idafite ubusembwa;
5) Kuba itarwaye;
6) Kuba yambaye iherena.

Iyo umuryango ugomba kwitura uvukishije ikimasa ubwa mbere ukomeza kucyorora kugeza ku mezi cumi n'abiri (12), kikagurishwa ku bufatanye na komite ya girinka ku rwego rw'umurenge; amafaranga avuyemo akagurwamo inyana y'imvange yo mu bwoko bwa Jerise, Firizone, cyangwa Burawuni suwisi iri ku kigero cy'amaraso nibura cya 50% kandi yujuje ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ikaba ariyo yiturwa.

**Ingingo ya 27: Uburyo bwo kwitura**

Umukozi ufite ubworozi mu nshingano ze ku rwego rw'umurenge akora urutonde rw'inyana zigeze igihe cyo kwiturwa hakurikijwe umudugudu, akazambika amaherena zikazatangwa hakurikije imiryango iri k'urutonde rw'abategereje korozwa.

Umuhango wo kwitura ni igikorwa gitegurwa n'Akarere ku bufatanye na RAB, kigakorerwa mu ruhame hashingiwe ku rutonde rw'imiryango yagaragajwe n'akarere. Umuryango urangije kwitura uhabwa icyemezo cy'uko wituye.



Scanned by CamScanner

**Ingingo ya 28: Inshingano yo kutazimya igicaniro**

Umuryango worojwe ufite inshingano rusange yo kubahiriza amasezerano wagiranye n'urwego rwaworoje agamije kutabura inka itanga umukamo mu rugo ikomoka kuyo worojwe.

**Ingingo ya 29: Izindi nshingano**

Umuryango worojwe ufite kandi inshingano zikurikira:

1) Gufata neza inka worojwe, kuyigaburira neza, kuyirinda indwara, kuyigirira isuku, kuyororera mu kiraro, kuyivuza, kuyiteza intanga;
2) Kumenyekanisha ku gihe Urwego rw'Umurenge imihindagurikire ku mibereho y'inka yorojwe;
3) Kumenyesha ku gihe Urwego rw'Umurenge ko inka yorojwe yabyaye;
4) Kumenyesha ku gihe Urwego rw'Umurenge mu nyandiko ko inka yorojwe ikekwaho ubugumba;
5) Gutanga amakuru igihe cyose abisabwe n'Ubuyobozi.

**Ingingo ya 30: Uburenganzira ku nka yorojwe**

Umuryango worojwe ugomba kuzirikana ko igihe cyose utaritura, inka worojwe iguma ari umutungo w'urwego rwaworoje, ntiwemerewe kuyigurisha, kuyitangaho impano, ingwate cyangwa kuyikoraho irindi hererekanya iryariryo ryose igihe cyose utaritura.

Icyakora umaze kwitura, umuryango worojwe inka ushobora kwicyenuza iziyikomokaho ariko ukagira nibura iyo usigarana mu muryango mu rwego rwo kugumya kuwufasha kubona amata n'ibindi.

Bimaze gusuzumwa no kwemezwa na komite ya girinka ku rwego rw'umurenge ko inka yorojwe itangitanga umusaruro ishobora kugurishwa amafaranga avuyemo akagurwamo indi nka.

Umuryango worojwe wirengera uburyozwe buturutse ku burangare iyo gupfa cyangwa kuburirwa irengero kw'inka bifite isanomuzi ry'uburangare cyangwa ikosa ryawo.

Inka zitanzwe mu karere n'abafatanyabikorwa ziba umutungo wako w'akarere mu rwego rwo kubahiriza ibiteganwa n'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 31: Ukwimuka k'umuryango worojwe**

Umuryango worojwe utaritura wifuza kwimuka wemererwa na komite ya girinka ku rwego rw'umurenge uvuyemo kwimukana inka worojwe hashingiwe ku cyemezo wahawe n'umurenge wimukiyemo.

Icyemezo kivugwa muri iyi ngingo ntigisimbura uburyo buteganya n'amabwiriza ya Minisitiri agena ingendo z'amatungo mu gihugu.

Umurenge wimukiwemo n'umuryango uvugwa muri iyi ngingo ufite inshingano yo gukurikirana ko hubahirizwa ibiteganywa n'aya mabwiriza.



Scanned by CamScanner

**Icyiciro cya 2: Inshingano za RAB n'akarere**

**Ingingo ya 32: Inshingano za RAB**

Ikigo RAB gishinzwe ibi bikurikira:

1) Gukurikirana mu buryo buhoraho ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda ya Girinka;
2) Gukora isuzuma rigamije kumenya icyo Gahunda ya Girinka yagejeje ku miryango ikennye, cyane cyane mubirebana n'ubukungu n'imibereho myiza yayo;
3) Gukora igenamigambi, gukirikirana no gusuzuma ibibazo bireba gahunda ya Girinka;
4) Guhuza imibare y'inka zitangwa muri gahunda ya Girinka;
5) Gufatanya n'ubuyobozi bw'akarere mu bikorwa byo guhitamo inka zitangwa muri iyi gahunda;
6) Gutegura imfashanyigisho no gutanga amahugurwa ku miryango ikennye yashyizwe ku rutonde rw'imiryango izorozwa;
7) Gushyiraho uburyo buhamye bwo guteza imbere imirire myiza y'inka za Gahunda ya Girinka;
8) Guha akarere imiti n'ibikoresho by'ibanze bizifashishwa mu kunganira umuryango worojwe;
9) Gutanga amahugurwa ku bakozi bashinzwe ubworozi n'abandi batekinisiye;
10) Gukurikirana imbere y'amategeko umuryango utubahirije aya mabwiriza n'amasezerano wagiranye n'urwego rwaworoje.

**Ingingo ya 33: Inshingano z'Akarere**

Akarere gafite inshingano zikurikira:

1) Kwemeza ku rwego rwa nyuma urutonde rw'abazorozwa mu karere;
2) Gushishikariza imiryango izorozwa gutera ubwatsi, kubaka ikiraro;
3) Gukurikirana ubuzima bw'inka mu gihe yageze mu rugo rw'uworojwe;
4) Gutegura no gukurikirana igikorwa cyo kwitura;
5) Gutanga raporo ya buri gihembwe k'ubuyobozi bukuru bwa RAB kuri gahunda ya girinka;
6) Gucunga neza no gutanga imiti n'ibikoresho by'ibanze bahabwa na RAB byifashishwa mu kunganira umuryango worojwe;
7) Gukurikirana no gushishikariza umuryango worojwe kutazimya igicaniro mu rugo;
8) Gukurikirana imbere y'amategeko umuryango utubahirije aya mabwiriza n'amasezerano wagiranye n'urwego rwaworoje.

**Icyiciro cya 3: Inshingano za komite ya Girinka**

Inshingano za komite ya Girinka kuri buri rwego zivugwa muri aya mabwiriza ntizisimbura inshingano umukozi asanzwe afite mu kazi ke ka buri munsi.

**Ingingo ya 34: Inshingano za komite ya girinka ku rwego rw'umudugudu**

Komite ya Girinka ku rwego rw'Umudugudu ishinzwe cyane cyane:

1) Gukurikirana mu buryo buhoraho gahunda ya Girinka mu mudugudu;



Scanned by CamScanner

2) Kuyobora inteko rusange y'abaturage mu gikorwa cyo gutoranya imiryango izorozwa;
3) Gukora inyandikomvugo y'igikorwa cyo kwemeza imiryango izorozwa ku mudugudu no kuyishyikiriza akagari;
4) Gushyikiriza komite y'akagali amakuru yose ya Gahunda ya Girinka mu mudugudu;
5) Kumenya imibereho ya buri nka yatanzwe mu mudugudu;
6) Kumenya inka zavutse zigomba kwiturwa;
7) Gukurikirana igikorwa cyo kwitura;
8) Kumenya inka irwaye no gukurikirana uko ivurwa;
9) Gukangurira no gukurikirana ko abahawe inka bitabira gahunda zo kurwanya indwara mu matungo: gufuhira, gukingiza, gutanga imiti y'inzoka no guteza intanga;
10) Kumenyekanisha impinduka zashobora gutuma umuryango uva ku rutonde rw'abategereje korozwa;
11) Gukora inama buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa hagamijwe kurebera hamwe ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya Girinka ku mudugudu no gutanga raporo ku kagali.

**Ingingo ya 35: Inshingano za komite ya girinka ku rwego rw'akagari**

Komite ya Girinka ku rwego rw'akagari ishinzwe cyane cyane:

1) Gukurikirana mu buryo buhoraho gahunda ya Girinka mu kagari;
2) Gusesengura no kwemeza intonde z'imiryango izorozwa inka ku rwego rw'imidugudu no kuzigeza ku murenge;
3) Gukurikirana uburyo gutoranya imiryango izorozwa bikorwa ku mudugudu;
4) Gukurikirana imikorere ya komite ya Girinka ku rwego rw'umudugudu;
5) Kumenya inka zigomba kwiturwa mu kagari;
6) Gukurikirana igikorwa cyo kwitura mu midugudu;
7) Kumenyekanisaha impinduka zabayeho ku rutonde rw'imiryango izorozwa rwemejwe ku rwego rw'akagari;
8) Gukora ubukangurambaga kuri gahunda ya Girinka no gukurikirana inka zatanzwe;
9) Gukora inama buri gihembwe cyangwa igihe cyose bibaye ngombwa hagamijwe kurebera hamwe ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya Girinka mu kagari no gutanga raporo ku murenge.

**Ingingo ya 36: Inshingano za komite ya girinka ku rwego rw'umurenge**

Komite ya Girinka ku rwego rw'umurenge ishinzwe cyane cyane:

1) Gusesengura no kwemeza urutonde rw' imiryango izorozwa rwemejwe ku rwego rw'umurenge no kurushyikiriza akarere;



Scanned by CamScanner

2) Gukurikirana mu buryo buhoraho ishyirwamubikorwa rya gahunda ya Girinka mu rwego rw'umurenge;
3) Gukurikirana imikorere ya komite ya Girinka ku rwego rw'utugari
4) Kugaragaza inka zigomba kwiturwa ku rwego rw'umurenge;
5) Kumenyekanisaha impinduka zabayeho ku rutonde rw'imiryango izorozwa rwemejwe ku rwego rw'Umurenge no kubitangira raporo ku rwego rwisumbuye;
6) Gufata ibyemezo byose birebana no guhindura, kwimukana cyangwa kugurisha inka yorojwe umuryango no kubikorera inyandiko mvugo ishyikirizwa ubuyobozi bw'akarere;
7) Gukurikirana uko inka zibayeho no gufata ibyemezo bijyanye n'ibibujijwe bivugwa muri aya mabwiriza;
8) Kumenyesha urwego rw'akarere ibyemezo byose byafashwe ku nshingano komite ihabwa n'aya mabwiriza

**Ingingo ya 37: Inshingano za komite ya girinka ku rwego rw'Akarere**

Komite ya Girinka ku rwego rw'Akarere ishinzwe cyane cyane:

1) Gusesengura no kwemeza urutonde rw' imiryango izorozwa rwemejwe ku rwego rw'umurenge;
2) Gukurikirana mu buryo buhoraho ishyirwamubikorwa rya gahunda ya Girinka;
3) Gukurikirana imikorere ya komite ya Girinka ku rwego rw'umurenge, rw'akagari no ku rwego rw'umudugudu;
4) Gukusanya no kugaragaza inka zigomba kwiturwa ku rwego rw'akarere;
5) Kumenyekanisaha impinduka zabayeho ku rutonde rw'imiryango izorozwa no kubitangira raporo ku rwego rwisumbuye;
6) Gukurikirana uko inka zibayeho no gufata ibyemezo bijyanye n'ibibujijwe bivugwa muri aya mabwiriza;
7) Kumenyesha urwego rw'akarere ibyemezo byose byafashwe ku nshingano komite ihabwa n'aya mabwiriza

**UMUTWE WA 4: IBINDI BIBUJIJWE N'IBIHANO**

**Icyiciro cya mbere: Ibindi bibujijwe**

**Ingingo ya 38: Ibibujijwe**

- Umuryango worojwe inka muri gahunda ya Girinka ubujijwe ibi bikurikira:

1) Kwica inka;
2) Gukomeretsa inka;
3) Gufata nabi inka cyangwa kuyicisha inzara;



Scanned by CamScanner

4) Kugurisha inka, kuyitangaho impano, ingwate cyangwa kuyikoraho irindi hererekanya iryariryo ryose rinyuranije n'aya mabwiriza;
5) Kuragiza inka wahawe muri gahunda ya girinka;
6) Gukoresha uburyo bw'uburiganya ubwo aribwo bwose ugamije kwanga kwitura;
7) Kwimukana inka worojwe utaritura kandi utabiherewe uburenganzira na komite ya girinka ku rwego rw'umurenge bikemezwa na komite ya girinka ku rwego rw'akarere;
8) Korozwa inka muri gahunda ya girinka inshuro irenze imwe keretse bikozwe mu buryo bwo gushumbusha;
9) Kuzimya igicaniro mu rugo n'ubwo yaba yararangije kwitura;

- Kugura inka yo muri gahunda ya girinka hatubahirijwe ibiteganwa n'aya mabwiriza

**Icyiciro cya 2: Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi**

**Ingingo ya 39: Ibihano bireba umukozi wa Leta**

Umukozi wa Leta unyuranyije n'ibikubiye muri aya mabwiriza ahanwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko agenga abakozi ba Leta.

**Ingingo ya 40: Ibihano bireba umuryango worojwe**

Umuryango worojwe unyuranyije n' ibiteganywa mu ngingo ya 37 y'aya mabwiriza, uretse agace ka mbere n'aka 9, uhanishwa kwamburwa inka igahabwa undi uri ku rutonde hashingiwe kuri raporo yakozwe na komite ya Girinka ku rwego rw'umurenge.

Umuryango wafashe nabi inyana yo kwitura uhanishwa igihano cyo kwitura nyina mu cyimbo cy'inyana yayikomotseho.

**Ingingo ya 41: Ibihano bireba ugura inka ya Gahunda ya Girinka**

Uguze inka yo muri gahunda ya girinka hatubahirijwe ibiteganwa n'aya mabwiriza, ahanishwa kuyamburwa.

**Ingingo ya 42: Ububasha bwo gutanga ibihano byo mu rwego rw'Ubutegetsi**

Iyo ari Umukozi wa Leta ugomba guhanwa, ibihano bivugwa mu ngingo ibanziriza iyi bitangwa n'Umuyobozi ufite ububasha bwo kumuhana.

Ku bandi bavugwa mu ngingo ya 39 n'iya 40, ibihano bitangwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'umurenge ashingiye kuri raporo ya komite ya girinka ku rwego rw'umurenge. Igihano gifashwe kigomba guhita kimenyeshwa umuyobozi w'akarere.



Scanned by CamScanner

## ICYICIRO CYA GATATU: IBIHANO BYO MU RWEGO MPANABYAHA

**Ingingo ya 43: Ibihano biteganywa n'igitabo cy'amategeko ahana**

Uworojwe unyuranyije n' ibikubiye mu ngingo ya 36 y'ay'amabwiriza agace ka 1,2 na 3 ahanishwa ibihano biteganywa n'Igitabo cy'Amategeko ahana.Gukurikirana ibyaha bivugwa muri aya mabwiriza bikorwa n'uworoje.

**Ingingo ya 44: Ivanywaho ry'ingingo zinyuranije n'aya mabwiriza**

Amabwiriza ya Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi N° 002/2011 yo ku wa 01/09/2011, arebana no kugura Inka zitangwa muri Gahunda ya GIRINKA; Amabwiriza ya Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi N° 001/2012, yo ku wa 24/08/ 2012, arebana no kwegereza Ubuyobozi bw'inzego z'ibanze gahunda ya GIRINKA; Asubiye ku mabwiriza y'Umuyobozi Mukuru wa RARDA N° 1454/ RARDA/2010 yo ku wa 04/01/2010, arebana no kwitura muri Gahunda ya GIRINKA; Amabwiriza ya Minisitiri w' Ubuhinzi n' Ubworozi N° 0001/2016 yo kuwa 25/02/2016 agenga imitangire n' imicungire y' inka zitangwa muri Gahunda ya Girinka; n'ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya bivanyweho.

**Ingingo ya 45: Igihe aya mabwiriza atangirira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangiye gukurikizwa ku munsi ashyiriweho umukono.

**Bikorewe i Kigali, kuwa..13/07/2018**

**Dr. MUKESHIMANA Gerardine**
**Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi**



Scanned by CamScanner